# Kwipimisha COVID-19

## Ni ryari ngomba gukora igipimo cya COVID-19?

- Ufite ibimenyetso bya COVID-19.
- Ufite ibyago byinshi byo kurwara bikabije kandi uherutse guhura numuntu ufite COVID-19.
- Uri umwe mubagize umuryango cyangwa wagize ibyago byinshi cyangwa bicirirtse byo guhura numuntu ufite COVID-19.

## Ninde ufite ibyago byinshi byukugira indwara ikomeye?

- Abantu bafite imyaka 60 nayirenga
- Abagore batwite
- Abaturage kavukire (Aboriginal), Abaturage Bibirwa bya Torres Straight nabantu Bibirwa bya Pacifique (kuva kumyaka yamavuko 35 nayirenga)
- Abantu babyibushe bikabije, abafite igisukari, indwara zikomeye zumutima, indwara idakira yibihaha *(harimo na asthme ikaze isaba kwinjira mubitaro mu mezi 12 ashize)*, indwara idakira y'umwijima cyangwa y'impyiko, kanseri cyangwa abafite ubudahangarwa budakomeye.
- Abantu bafite ubumuga harimo abafite ubumuga bufite ingaruka ku bihaha byabo, umutima cyangwa ubudahangarwa.
- Abatuye mubigo byita ku bageze mu za bukuru no kwita ku bumuga
- Abantu bafite imyaka 18 nayirenga batafashe urukingo.

## Ni ikiye gipimo cya COVID-19 ngomba gukora?

Hari **ibipimo bibiri bitandukanye** ushobora gukora kugirango urebe niba ufite COVID-19. Igipimo cya **rapid antigen test** (RAT) ushobora gukora wenyine n'**igipimo** cya **PCR** (gucyisha agati gafite agapamba mwizuru n'umumuhogo) gikorerwa kuri kiliniki ipima.

- **Niba ufite ibyago byinshi byukugira indwara ikomeye cyane** ugomba gukora igipimo cya **PCR**. Niba udashobora kubona igisubizo cy'igipimo cya PCR vuba, kora igipimo cya rapid antigen test (niba ugifite) igihe urindiriye igisubizo cyigipimo cya PCR.
- Niba udafite ibyago byinshi byukugira indwara ikomeye cyane, kora igipimo cya rapid antigen test keretse niba muganga wawe akubwiye ngo ukore igipimo cya PCR.

## Nakoriki niba nakoze igipimo nkasanga ndwaye COVID-19?




- Niba ufite igisubizo cy'igipimo cya **PCR kibi**, naho waba udafite ibimenyetso, urafite COVID-19. Ugomba gukurikiza inama yabantu bapimye bagasanga barwaye COVID-19 n'ukuyobora COVID-19 muburyo butekanye murugo.
- Niba wabonye igisubizo kibi cya rapid antigen test **andikisha igisubizo kuri Service NSW** kandi kurikiza inama yabantu bapimye bagasanga barwaye COVID-19 n'ukuyobora COVID-19 muburyo butekanye murugo.

Niba ufite impungenge zamagara kandi ukeneye imfashanyo yururimi, hamagara **TIS 131 450** hanyuma usabe Health Direct kuri Tel. **1800 022 222**.



© NSW Health June 2022.